



Gicurasi 2022

Ikinyarwanda

**Nta muntu wigeze abona Imana, ariko
niba dukundana Imana idutuyemo
kandi urukundo rwayo ruba rukanje
muri twe**

(1 Yoh 4,12)

Kontakt:

Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432

Mail:

meinolf.wacker@go4peace.eu

Homepage

www.go4peace.eu

**Imana iragukeneye!
God needs you!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Yezu yabaye hano ku isi yacu kugirango akomeze umugambi Imana yari ifitiye muntu. icyari kimuraje ishingira yari „Ingoma y’Imana“. Aho ubuzima bwamwerekazaga hose havukaga iyi ngoma y’Imana. Abantu bumvaga muri we urukundo n’ukwigenga byakizaga yabo kandi bigaha ubuzima bwabo bwite kwigenga. Impumyi zongeraga kubona, abamugaye bakongera kugenda, ababembe bagakira.

Mu gihe gito Yezu yamaze agenda akora ubutumwa bwe, yagendaga atanga ibimenyetso by’urukundo nyarwo. Abantu byabakoraga mu ndiba z’umutima bakiyemeza kujiyana nawe. Mu ishuri ry’ubuzima hamwe na Yezu bigaga icyo urukundo nyarwo, rudashingiye ku nyungu iyo ari yo yose, rusobanuye. Ubwo bumenyi bakuye kuri Yezu ni bwo, nyuma y’urupfu rwe, bajyanye muri Arumeniya, muri Jeworujija, mu Burayi yemwe no kugera mu Buhinde. Mu by’ukuri bazanye inkuru nziza y’urukundo, rutagize ikindi rugamije uretse gukunda kugeza ku ndunduro y’Isi. Batanze umusanzu wabo mu gusohozza umugambi w’Imana. Gukunda – ibyo byonyine gusa – ku buntu – ku bw’ingabire – ni cyo gisobanuro cy’Imana. Nawe kuzenguka gutyo ni muhamagararo wawe. Aho Imana „irahagukeneye“. Yihe „Yego“ yawe buri muni.

Tomáš aradutekerereza: „Nari nagiyeye gusura abantu mu Budage. Hari hashize igihe gito habaye imyuzure muri Ahrtal. Abantu benshi bahasize ubuzima. Amazu menshi yarasenyutse. Twafashe urugendo twajya gusura umuryango twagerageje gufasha cyane ubwo bahuraga n’ibyo byago. Twari twicaye mu kizu kinini cyari kitarakorera isuku nyuma yo kubakwa, kinakonje. Twari twajye twitwajye ibyo twari dukeneye byose kugira ngo tuze gusangira ikawa. Abo muri uwo muryango batangiye kudukerereza uko byagenze. Badutekerereje iby’umwuzure waje ukabatwara byose ukabasigira ubuzima gusa – Imana ibishimirwe! Nyuma y’aho twatembereye mu mugwi. Twiboneye n’amaso yacu akaga bahuye na ko. Nari kumwe n’umukobwa wo muri uwo muryango hamwe n’inshuti ye, tugendera mu itsinda ry’abantu bake. Barisanzuye bavugaga ibyago bagize n’ubwoba bwari bwabatashye. Ni uko batubaza impamvu twashatse kubatangira. Natangiye kubatekerereza iby’ukwemera mfite muri Yezu, we Rukundo kandi uduhamagarira gukunda. Ibi kuri bo byari bishya. Hagati yacu hahise havuka umwanya w’icyizere gikomeye. Byarabashimishije binabafasha gukingura imitima!“ **Imana iragukeneye! – God needs you!**

Ku bw’itsinda go4peace

Meinolf Wacker